URWEGO RUSHINZWE UBURENGANZIRA BW'IKIREMWA MUNTU
IMIRYANGO ISHINZWE IGICE CY'IMITURIRE

POROGARAMU ITANGA UBUFASHA KUNGUFU ZIKORESHWA MUGUCANA MUMAZU Y'ABAFITE AMIKORO MAKE

UBURYO BWO GUSABA GUSUBIRWAMO NO KUMVWA

Usaba ashobora kuba ariwe watangira asaba ko bisubirwamo niba ubusabe bwe barabumwangiye, cyangwa yarakoresheje ibitari ukuri cyangwa byarakozwe muburyo budakwiye mukwemererwa umubare w'amafaranga y'ubufasha, cyangwa serivisi. Usaba afite iminsi 30 kuva ku italiki yanditse kurupapuro rumwemerera cyangwa rumuhakanira mukujurira icyo cyemezo akayohereza mu iposita cyangwa urupapuro rusaba gusubirwamo akarujyana kubiro (LAA) aho ubusabe bwakorewe.

Niba LAA itemeje cyangwa ngo ntinahakane mu gihe cy'iminsi 30 y'igihe ubusabe bwujurijwe, usaba yafata uko kudakorwa nk'aho yabyangiwe. Noneho usaba afite igihe cy'iminsi 30 y'inyongera ku minsi iteganyijwe yo kujurira.

Kujurira, usaba agomba kohereza ubujurire bwanditse kuri LAA yabisabiyeho, kandi harimo ibikorwa usaba yifuzaga gufata hamwe nandi makuru yerekana ko habaho ingaruka ku cyemezo cyafashwe. Abo basaba badashobora gusoma no kwandika babifashwamo na LAA mu kubisoma,mukumva ubujurire, n'ibijyana n'ibikorwa.

LAA izagira icyo ikora ku busabe bwuwasabye kandi imenyesha usaba imyanzuro mu nyandiko mu minsi irindwi uhereye ku itariki ubujurire bwasabwe (igashyiraho ibirango by'amatariki niba byaroherebwe mu iposita).

Niba usaba atemeye imyanzuro yafashwe, usaba ashobora kwandikira LAA mu minsi 14 kuva ku munsi icyemezo cyafatiweho (ikirango ku itariki yoherejweho mu iposita) kandi agasaba ukumwumva kwe kuzabera mu rwego rwa Community Action Agencies (DCAA). Usaba agomba gusobanura mu nyandiko impamvu ibyemezo byafashwe naho byakorewe bijurirwa kandi harimo n'amakuru ayo ariyo yose ashobora kugira ingaruka ku byemezo byafashwe

LAA igomba kohereza DCAA amakuru yose arebana gusaba kumvwa asaba kugirango bigenzurwe kandi bigashyirwa kuri gahunda mu minsi 14 bakiriye ubwo bujurire kandi basabye ko busuzumwa. Usaba azabona inyandiko ikubiyemo imiterere ya gahunda yo kumwumva itututse muri ubwo rwego. Iyo nyandiko izagaragaza itariki, isaha naho uko kumvu hazabera. Imiterere yiryo yumva ishobora kubera kuri telephone kugihe gikwiye mwumvikanyeho cyangwa mugahura imbona nkubone. Mugihe bari kumwumva, amakuru yose agomba kugenzurwa kandi icyemezo kigomba gusubizwa n'urwego bireba mu minsi 7.

Umukiriya ashobora kujuririra icyemezo cya DCAA ku rwego rushinzwe igenzura n'ubujurire (DIA) muri Iowa. Umukiriya agomba kohereza inyandiko y'ubujurire kuri DCAA mu minsi 7 (ikirango ku itariki niba yaroherejwe mu iposita) yakiriyeho icyemezo cyivuye murwego rubishinzwe. Urwego rwabyo ruzakurikirana ubwo bujurire n'uburyo bwagaragajwe muri 481- mu Gika cya 10 mu gitabo cy'amategeko y'imiyoborere ya Iowa.